**CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA**
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél.** : (250) 789 55 08 48
**E-mail:** eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'INAMA Y'176 Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE KU RUYENZI KUVA KU ITARIKI 16 KUGEZA KU YA 19 UKUBOZA 2025

Guhera tariki ya 16 kugera ku ya 19 Ukuboza 2025, Inteko Rusange y'176 y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye kuri Centre Pastoral y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku Ruyenzi. Imirimo y'Inteko rusange yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Inama yabimburiwe n'isengesho saa yine za mu gitondo. Abepiskopi b'amadiyosezi icyenda bitabiriye inama bose. Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko Rusange witabiriwe kandi n'Abepiskopi bari mu kiruhuko cy'izabukuru.

Mu ijambo ryo gutangiza imirimo y'iyi Nteko, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye Abepiskopi abaha ikaze, abifuriza kuzagira imirimo myiza. Yahaye ikaze ku buryo bw'umwihariko Abepiskopi bari mu kiruhuko, abashimira umusanzu batanze muri Kiliziya n'isengesho bakomeje kuyiturira. Yababwiye ko inama ibaye mu gihe twitegura guhimbaza umunsi mukuru wa Noheli tuzirikana ukwigira umuntu kwa Jambo. Ni mu gihe kandi kiliziya nyinshi za paruwasi, iza santarali na sikirisali zifunze. Ni igihe kandi hari umwuka n'ibikorwa by'intambara mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo twegeranye. Muri ibyo byose, Perezida w'inama yabasabye kurushaho gukomera mu kwemera no mu kwizera. Yabasabye kandi gutekereza icyakorwa kugira ngo abari mu kaga, impunzi n'abavanywe mu byabo bashobore kugobokwa.

Umuyobozi w'inama yamurikiye bagenzi be gahunda yose uko yakabaye, bityo bafatanya kuyemeza bamaze kuyikorera ubugororangingo. Hakurikiyeho gusangira iby'ingenzi mu byaranze ubutumwa muri buri Diyosezi hagati ya Nzeri n'Ukuboza 2025. Bagarutse ku bakristu bababaye kubera ko badashobora guhura ngo basenge, bemeza ko hakwiye gushyirwa imbaraga mu ikenurabushyo ribegereye kugira ngo bigishwe kandi bahabwe amasakaramentu. Inteko rusange yasuzumye ibindi byari ku murongo w'ibyigwa ingingo ku yindi:

## 1. Inyunguramagambo (lexique) ya Kiliziya

Abepiskopi bashimye umurimo ukorwa n'itsinda bashyizeho riyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo RUKAMBA rigamije kwegeranya mu Kinyarwanda amagambo aboneye yakoreshwa mu nyigisho no mu nyandiko za Kiliziya.

Bemeje ko iryo tsinda ryakorana na Komisiyo y'Abepiskopi Ishinzwe Amahame y'Ukwemera, Bibiliya n'Ubumwe bw'Abemera Kristu.

## 2. Gutegura abasaserdoti

Abepiskopi baganiriye ku birebana no gutegura abasaserdoti mu maseminari makuru. Bagendeye ku byavuye mu nama y'abarezi, Abepisikopi basanze ari byiza kugendera ku bikubiye mu Ndongozi (Directoire) imaze igihe iteguwe. Buri murezi akwiye kuyitunga. Ni ngombwa kumenya rwose umuryango abasaba kuba abasaserdoti bakomokamo. Ibyo bifasha ababategura n'ababarera kubamenya neza. Ni byiza cyane ko imiryango y'abaseminari yasurwa ikaba izwi n'abashinzwe kwita ku muhamagaro.

Mu guhitamo abinjira mu iseminari nkuru, habaho kwitonda hakakirwa abashoboye kandi bashobotse. Abepiskopi bemeje ko kwimenyereza ubutumwa bishyirwa nyuma y'umwaka wa gatatu wa tewolojiya aho kuba nyuma y'umwaka wa kabiri. Ibyo bizatangirana n'umwaka w'amashuri 2027/2028.

## 3. Sinodi ku kugendera hamwe

Abepiskopi bagejejweho ibyavuye mu nama y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya Sinodi yabereye i Mbare ku itariki ya 7 Ugushyingo 2025. Yahuje abahagarariye amadiyosezi, Abihayimana n'Amaseminari makuru. Mu madiyosezi bumvise neza ko Sinodi itarangiye ahubwo ikomeza. Icyari kigamijwe cyane cyari kwiha gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro no kureba uko habaho amahugurwa y'abagize ibyiciro byose muri diyosezi nk'uko byatangiye gukorwa hamwe na hamwe.

## 4. Inama rusange ya ACEAC (Ihuriro ry'Inama z'Abepiskopi ba Afrika yo Hagati)

Abepiskopi bari bahagarariye C.EP.R mu nama rusange ya ACEAC yabereye i Kinshasa kuva kw'itariki ya 10 kugera ku ya 14 Ukuboza 2025 bagejeje ku bandi Bepiskopi uko inama yagenze, banababwira uko amatora yagenze, babagezaho n'abagize komite nshya ari bo Nyiricyubahiro Musenyeri Joachim NTAHONDEREYE, umwepiskopi wa Muyinga i Burundi (Perezida), Nyiricyubahiro Musenyeri Willy NGUMBI, Umwepiskopi wa Goma, muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo (Visi Perezida wa mbere) na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet Mwumvaneza, Umwepiskopi wa Nyundo mu Rwanda (Visi Perezida wa kabiri) . Abepiskopi basomeye hamwe itangazo ryashoje inama rusange ya ACEAC risaba ko intambara mu Burasirazuba bwa Kongo yahagarara. Basabye ko abakristu bazirikana ibirikubiyemo, bakabigira ibyabo.

## 5. Imbuto za Yubile y'impurirane

Abepiskopi baganiriye ku rugendo rwa Yubile ruherutse gusozwa ku rwego rw'Igihugu ku itariki ya 6 Ukuboza 2025. Bishimiye ko muri rusange byagenze neza, buri diyosezi yagize umwanya mwiza wo kwakira no guhimbaza Yubile, ku buryo hazaba guhuriza hamwe imbuto zifatika yubile y'impurirane idusigiye.

### 6. Amategeko shingiro y'umuryango Caritas na Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro

Mu rwego rwo guhuza amategeko shingiro y'umuryango wa Caritas Rwanda na Komisiyo y'Ubutabera n'amahoro (CEJP) n'Itegeko rishya rigenga imiryango itari iya Leta n°. 058/2024 ryo kuwa 20/06/2024, abahagarariye Caritas n'abahagarariye CEJP bamurikiye Abepiskopi aribo bagize Inteko rusange y'imiryango yombi ibyagiye bihinduka, Abepiskopi barabyemeza imbere ya Noteri, bashyira umukono kuri ayo mategeko.

### 7. Amashuri yigisha Gatigisimu ya ACOREB n'Ishuri ry'Abakateshisiti rya Nkumba

Hari amashuri Abepiskopi b'u Rwanda basangiye n'Abepiskopi b'u Burundi. Abepiskopi bari mu nama bafashe umwanya wo kuganira ku mateka yayo no kureba uko ahagaze muri iki gihe. Abepiskopi barebeye hamwe amasezerano Umwepiskopi wa Butare yagiranye n'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Basabye Umwepiskopi wa Butare gufatanya n'ubunyamabanga bukuru bw'Inama yabo gukomeza kubikurikirana kugira ngo ayo mashuri ashobore guhabwa umurongo uboneye kandi ashobore gutanga abigisha Gatigisimu mu mashuri.

Abepiskopi kandi baganiriye ku mikorere n'imyigishirize by'ishuri ry'abakateshisiti ry'i Nkumba, muri Diyosezi ya Ruhengeri, bisaba ko inyigisho zihatangirwa zivugururwa zigahuzwa n'ubwigishwa bukenewe muri iki gihe. Biyemeje kuryoherezamo abanyeshuri kugirango Gatigisimu igire abarimu bashoboye .

### 8. Komisiyo na serivisi z'Inama y'Abepiskopi

Abepiskopi baganiriye ku mavugururwa ya Komisiyo z'Inama yabo aheruka gukorwa basaba abagize Komisiyo guhura bidatinze kugira ngo barebere hamwe inshingano za buri Komisiyo. Muri Kateshezi, Abepiskopi bemeje ko abahabwa Ukaristiya ya mbere baba barangije umwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Abakomezwa bajya batangira gutegurwa bari mu mwaka wa kane w'amashuri abanza, bagahabwa Isakaramentu ryo Gukomezwa barangije umwaka wa gatanu w'amashuri abanza. Abibatirizwa bagatangira gutegurwa bari mu mwaka wa gatatu, bakabatizwa barangije umwaka wa kane, bagakomezwa barangije umwaka wa gatanu w'amashuri abanza. Abepiskopi bemeje ko abana bagomba kwitabwaho bihagije ni nayo mpamvu bashyiriweho Komisiyo itandukanye n'iy'urubyiruko. Bibukije ko icyiciro cy'abana kigizwe n'abatararangiza amashuri y'icyiciro rusange cyangwa abatarengeje imyaka cumi n'itanu batashoboye kwiga.

Abepiskopi bemeje kandi ko umuryango wa Agisiyo Gatolika JOC uvuga mu magambo arambuye *Jeunesse Ouvrière Catholique*, abakoresha *Jeunesse Ouvrière Chrétienne* ntibemewe n'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

### 9. Inyandiko za Kiliziya ziteganywa gusohoka

Abepisikopi bafashe umwanya wo kuvuga ku bitabo byanditswe n'ibikirimo kunozwa bifite aho bihuriye na Kiliziya. Ibyo ni *Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika, Dusobanukirwe n'Ijambo ry'Imana, Duhimbaze Misa uko bikwiye,* barabishimye barabyemeza.

Banemeye ko *Indirimbo Credo* na *Gloria* za Padiri Eustache Byusa na Padiri Mathias Gahinda zahujwe n'uko amagambo yanditswe ubu mu Gitabo cya Misa zakoreshwa muri Liturujiya.

**10. Imyiteguro y'Inama ya Signis World**

Abepiskopi bagejejweho n'Umunyamabanga w'Inama y'Abepiskopi Ishinzwe Itumanaho aho imyiteguro y'Inama y'Ihuriro ry'abanyamakuru Gatolika ku isi igeze. Basanze igenda neza basaba ko bakomereza aho. Bifuje ko hategurwa ibiganiro bisobanura aho iyo nama ihurira n'ubutumwa bwa Kiliziya.

**11. Gutangiza umwaka w'ubucamanza mu rukiko rwa Kiliziya**

Abepiskopi batangije umwaka w'ubucamanza mu rukiko rwabo, bashima umurimo ukorwa n'abagize urukiko. Abepiskopi basabye kandi abagize urukiko kujya bakoresha amahugurwa atangwamo ubujyanama mu rwego rwo gukumira hakiri kare icyatera abashakanye gutandukana.

**12. Amatora y'abagize komite y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda**

Abepiskopi batoye abagize komite y'inama yabo:

Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA (Perezida); Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent HAROLIMANA (Visi Perezida), Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA (Umujyanama wa mbere), Nyiricyubahiro Musenyeri Edouard SINAYOBYE (Umujyanama wa kabiri). Iyi komite izayobora iyi nama muri manda y'imyaka itatu.

**13. Imiryango isaba kwemerwa n'Inama y'Abepiskopi**

Abepiskopi barebye ibijyanye n'imiryango isaba kwemerwa ku rwego rw'Inama y'Abepiskopi, bongeye gushimangira icyemezo cy'uko bakomeza gukorera muri diyosezi basanzwemo, icyo bakenera bakakibaza Abepiskopi b'ayo madiyosezi bakoreramo.

**14. Ubutumwa bwa Noheli**

Abepiskopi bateguriye hamwe ubutumwa bugenewe abakristu ku munsi mukuru wa Noheli. Bamaze kubukorera ubugororangingo barabwemeje, basaba ko buzagezwa ku bakristu mu Misa z'umunsi mukuru wa Noheli.

**15. Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho**

Abepiskopi bahaye umwanya umwepiskopi wa Gikongoro abagezaho aho ibikorwa byo kwagura ubutaka bw'Ingoro ya Nyina wa Jambo i Kibeho bigeze. Yanabagejejeho imishinga itandukanye y'abantu ku giti cyabo isa n'ibangikanye n'iby'ingoro, ikagenda isobanura mu buryo bugoreka iby'amabonekerwa. Ibirebana n'inkunga, amadiyosezi yatangiye gutanga uruhare rwabo kandi azakomeza.

Abepiskopi kandi bongeye kwibukiranya ibyo Bikira Mariya yavuze kuri shapeli, ingano n'aho yakubakwa. Bemeje kandi ko ishapule y'ububabare yavugwa kenshi n'abakristu nk'uko Bikira Mariya yabisabye.

**16. Imishinga ya CEPR**

Abepiskopi baganiriye kuri gahunda yo kwagura ibikorwa by'Inama y'Abepiskopi. Bavuganye ku bisabwa kugirango havugururwe inyubako ya CEPR iherereye mu mugi. Banarebye uburyo Centre Pastoral yo ku Ruyenzi yakwagurwa.

**17. Kuganira n'abahagarariye abiyeguriyimana**

Buri mwaka Abepiskopi bafata umwanya wo kuganira n'Abiyeguriyimana, kubifuriza Noheli nziza n'ubutumwa bwiza. Abepiskopi barabakiriye babizeza ubufatanye, banabashimira umurimo ukomeye bakora mu ikenurabushyo.

Inama yashoje imirimo yayo, saa sita n'igice, Abepiskopi baragiza Imana ubutumwa bwabo, banifurizanya Noheli nziza n'umwaka mushya muhire wa 2026.

Bikorewe ku Ruyenzi ku itariki ya 19/12/2025

**Padiri Védaste KAYISABE,**
Umunyamabanga Mukuru w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA * PRESIDENT * C EP R B.P. 357 Kigali Rwanda

**✠Antoni Kardinali KAMBANDA,**
Arkiyepiskopi wa Kigali na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda